**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yatangije Umwaka w'Ubucamanza 2021/2022**



**Nyakubahwa Perezida wa Repulika, Paul KAGAME, ageza ijambo rye ku bitabiriye itangizwa ry'Umwaka w'Ubucamanza 2021/2022**

***Kigali, ku wa 6 Nzeli 2021*** – Mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul KAGAME, yatangije Umwaka w'Ubucamanza 2021/2022.

Mu ijambo rye mu muhango wo gutangiza Umwaka w'Ubucamanza 2021/2022, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Dr. Faustin NTEZILYAYO yibukije ko "*Urwego rw'Ubucamanza rugaragariza Abanyarwanda ibyo rwagezeho mu mwaka w'ubucamanza uba urangiye […] rukaba runafite ishingano ikomeye yo kurinda uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu binyuze mu byemezo bitandukanye bifatwa n'inkiko*".

N'ubwo amabwiriza yo kwirinda Covid-19 yakomye mu nkokora imikorere inyuranye mu Gihugu ndetse no hirya no hino ku isi, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yagaragaje ko Urwego rw'Ubucamanza "*rwakomeje guha Abanyarwanda ubutabera bunoze kandi butanzwe mu gihe gikwiye*". Ibyo bikaba bigarazwa n'umubare w'imanza zaciwe mu bihe bya Covid-19, umubare ujya kunganga n'uw'umwaka ushize iki cyorezo kitaragaragara. Yongeyeho ati "*Uwo musaruro ukaba ukomoka mu mbaraga Urwego rw'Ubucamanza rwashyize mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ryatumye inkiko zikomeza kuburanisha imanza zimwe na zimwe no gusoma imanza mu bihe hari amabwiriza yo gukorera mu rugo*".

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika mu ijambo rye yagarutse ku kwimakaza ikoranabuhanga mu baturarwanda muri rusange no mu mikorere y'inkiko by'umwihariko harimo gukemura ibibazo byaba bishamikiye kuri IECMS (Integrated Electronic Case Management System : Uburyo bw'Ikoranabuhanga Bukomatanyije mu Micungire y'Imanza). Yasabye kandi Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo n'inzego bireba kwihutira gusimbuza mudasobwa zishaje zikoreshwa mu Bucamanza muri iki gihe, kuko zitajyanye n'urwego ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga Igihugu kigezeho.

Umuhango w'itangizwa ry'umwaka w'ubucamanza witabirwa n'Ubushinjacyaha n'Urugaga rw'Abavoka hagamijwe kugaragaza ibyagezweho mu mwaka utambutse n'ibiteganyijwe mu mwaka w'ubucamanza uba utangiye.



**Dr. Faustin NTEZILYAYO, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ageze ijambo ku bitabiriye umuhango**



**Abacamanza, abashinjacyaha n'abandi batumirwa mu itangizwa ry'Umwaka w'Ubucamanza 2021/2022**



**Ifoto y'urwibutso nyuma y'umuhango**